



RWANDA REVENUE AUTHORITY
TAXES FOR GROWTH AND DEVELOPMENT

IMPINDUKA MU MATEGEKO Y'IMISORO 2023



OCTOBER, 2023

ICYITONDERWA:

*Inyandiko zikubiye muri izi nyigisho ntizisimbura itegeko
Ukeneye inyito zo mu itegeko n'ibisobanuro birambuye wasoma amategeko yavuzwe
ahabanza*

INTANGIRIRO

Imisoro n'Amahoro ni inkingi ya mwamba mu bukungu bw'Igihugu. icyorezo cya Covid-19 cyahungabanije ubukungu bw'ibihugu ku isi hose n'u Rwanda rurimo.

Guverinoma y'u Rwanda yafashe ingamba zitandukanye zo kuzahura ubukungu zirimo no kuvugurura amategeko agenga imisoro kugira ngo imisoro ye kuba umutwari kuri bamwe, ahubwo itangwe n'abakwiye kuyitanga bose, bityo ibipimo byabo bigabanuke, ahubwo hongerwe umubare w'ibisoreshwa ndetse n'umubare w'abasora urusheho kugenda wiyongera

Iyi nyigisho ikubiyemo incamake igaragaza zimwe mu mpinduka ziri mu mategeko mashya yatowe mu mwaka wa 2023 mu buryo bukurikira:

I. Itegeko n° 048/2023 ryo ku wa 05/09/2023 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzeho z'imategekere y'Igihugu zegerejwe abatwari

1. IPATENTI

- Ibikorwa by'ubucuruzi bito n'ibiciriritse bisonewe ipatenti mu myaka ibiri (2) ya mbere
- ikurikira ishingwa ryabyo
- Ipatenti ishingira ku gicuruzo umucuruzi yabonye mu mwaka wabanjirije uwishyurirwa ipatenti
- Umucuruzi ashobora kwishyura ipatenti mu byiciro bine (4)

urugero:

Amafaranga yose yacurujwe	Umusoro ugomba gutangwa ku mwaka /ku gihembwe
Kuva kuri 2.000.000Kugeza kuri 7.000.000	100.000/25.000
Gutwara abantu mu modoka y'umuntu ku giti cye	40.000/10.000
Gutwara abantu cyangwa ibintu kuri moto	8.000/2000

- Iyo ubucuruzi bumwe bugizwe n'ibikorwa byinshi bikorwa n'umuntu mu nyubako imwe, hakenerwa icyemezo kimwe cy'ipatenti
- Iyo ubucuruzi bugizwe n'amashami atandukanye mu karere kamwe hishyurwa ipatenti imwe

- Ikinyabiziga cyanditse k'usora ukora ibikorwa bitandukanye kandi cyifashishwa mu mirimo ye, ntabwo cyishyurirwa umusoro w'ipatanti ukwacyo.
- Isosiyete ikoresha imodoka ibazwa umusoro w'ipatanti ubariwe ku gicuruzo cya buri cyicaro ifite mu turere dutandukanye
- Igihe ntarengwa cyo kwishyura ipatanti ni tariki 31 Mutarama ya buri mwaka

2. Amahoro y'isuku rusange n'andi mahoro atandukanye yakirwa n'inzego z'imategekere y'Igihugu zegerejwe Abaturage

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko ariho, Inama Njyanama y'urwego rw'imategekere y'Igihugu rwegerajwe abaturage ishingiyeye ku biteganywa n'iteka ry Perezida ishyiraho amahoro ku mirimo ikozwe n'urwo rwego mu ifasi yarwo.

3. Umusoro k'umutungo utimukanwa

Umusoro ku mutungo utimukanwa ucibwa hashingiwe kuri ibi bikurikira:

- Agaciro ku isoko k'inyubako n'ikibanza cyayo;
- Ubuso bw'ubutaka bwagenewe kubakwaho ariko butubatsweho;

Icyakora, iyo umutungo utimukanwa ugizwe n'ikibanza, inyubako n'ibindi bintu biyongerera agaciro, umusoro ku mutungo utimukanwa ucibwa ku gaciro ku isoko k'inyubako n'ikibanza cyayo iyo byombi bisoreshwa.

Igipimo cy'umusoro ku mutungo utimukanwa

(1) Igipimo cy'umusoro ku mutungo utimukanwa gishyizweho ku buryo bukurikira:

- (a) Hagati ya zero n'amafaranga y'u Rwanda 80 kuri metero kare y'ubuso bw'ubutaka;
- (b) 0,5% by'agaciro ku isoko k'inyubako n'ak'ikibanza byagenewe guturwamo;
- (c) 0,3% by'agaciro ku isoko k'inyubako n'ak'ikibanza byagenewe ubucuruzi;
- (d) 0,1% by'agaciro ku isoko k'inyubako n'ak'ikibanza byagenewe inganda, inyubako n'ikibanza by'ibikorwa by'ubucuruzi bito n'ibiciriritse.

Icyakora, ibi bikurikira byitabwaho by'umwihariko:

- (a) ikibanza n'inzu yo guturamo y'amagorofa atatu bisoreshwa ku gipimo cya 0,25% by'agaciro kabyo ku isoko;

- (b) ikibanza n'inzu yo guturamo irengeje amagorofa atatu bisoreshwa ku gipimo cya 0,1% by'agaciro kabyo ku isoko;
- (c) mu kugena agaciro gasoreshwa k'inzu y'ubucuruzi cyangwa uruganda, imashini n'ibindi byuma bifunzwe ku nyubako ntibibarwa.
- (3) Iteka rya Minisitiri ufite imisoro mu nshingano rigena ibipimo fatizo n'ibindi bikurikizwa n'Inama Njyanama y'Akarere n'iy'Umujyi wa Kigali mu gushyiraho igipimo cy'umusoro kivugwa mu gika cya (1)(a) cy'iyi ngingo.

II. ITEGEKO N° 049/2023 RYO KU WA 05/09/2023 RISHYIRAHU UMUSORO KU NYONGERAGACIRO (TVA/VAT)

4. Igipimo cy'umusoro ku nyongeragaciro TVA/VAT

- Umusoro wa TVA ni umusoro wakwa ku bintu n'imirimo bikorerwa mu Rwanda ndetse n'ibitumizwa mu mahanga byose ukuyemo ibisonewe n'ibisora ku ijanisha rya zero ku ijana(0%);
- Utangwa ubariwe ku ijanisha rya 18% • Wiyongera ku giciro kirihwa n'umuguzi w'ikintu cyangwa wa serivisi. Uwo musoro wishyurwa n'umuguzi wa nyuma

5. Ni inde wiyandikisha ku musoro wa TVA?

- Umuntu wese uretse abacuruzi ibisonewe umusoro wa TVA ugejeje ku gicuruzo kirenze amafaranga y'u Rwanda miliyoni makumyabiri (20,000,000 Frw) mu mwaka cyangwa kingana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshanu (5,000,000 Frw) mu gihembwe agomba kwiyandikisha ku musoro wa TVA mu Buyobozi bw'Imisoro mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) akimara kubona ko yageze kuri icyo gicuruzo.
- Umuntu wese kandi ashobora gusaba kwiyandikisha ku bushake kandi akubahiriza amategeko agenga umusoro ku nyongeragaciro.

6. Bimwe mubyongewe mu bintu na serivisi bisonewe umusoro wa TVA/VAT:

- Kotegisi
- Serivisi z'ubwikorezi zikorwa n'umuntu wabihereye uruhushya
- Ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi byose, uretse ibitunganyijwe. icyakora, ibigori, umuceri n'amata byatunganyirijwe mu nganda, ariko hatarimo amata y'ifu n'ibikomoka ku mata, bisonewe uwo musoro;

- Ibikoresho byifashishwa mu kubika no kubungabunga imibiri y'abazize Jenocide yakorewe Abatutsi ndetse n'ibimenyetso byayo bigaragara ku rutonde rushyirwaho na Minisitiri ufite kwibuka Jenocide yakorewe Abatutsi mu nshingano rukemezwa na Minisitiri;
- Ibinyabiziga bigendeshwa na moteri ikoresha amashanyarazi, ibinyabiziga bigendeshwa na moteri mberabyombi, bateri zo muri urwo rwego n'ibikoresho bya sitasiyo ibyongera umuriro byatumijwe mu mahanga.

7. Kugura serivisi zo mu mahanga

- Usora ushaka kugura serivisi itaboneka mu Rwanda agomba gusaba uruhushya Minisitiri.
- Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gusaba uruhushya rwo kugura serivisi zo mu mahanga zitaboneka mu Rwanda.

8. Uburenganzira ku musoro ku kiranguzo

- Usora utemerewe umusoro ku kiranguzo muri icyo gihe cy'isoreshwa awuhabwa mu gihe cya mbere cy'umusoro ku nyongeragaciro iyo afite inyandiko za ngombwa zitarengeje amezi 12 uhaye ku munsiri w'imenyekanisha ry'umusoro ku nyongeragaciro ujyanye n'izo nyandiko.
- Usora mushya ku musoro ku nyongeragaciro ashobora gusaba, mu imenyekanisha rye rya mbere, umusoro ku kiranguzo ku bicuruzwa yari afite mu bubiko ku munsiri yiyandikishirijeho.

9. Umusoro ku kiranguzo k'usora mushya wanditswe ku musoro ku nyongeragaciro

- Usora mushya wanditswe ku musoro ku nyongeragaciro ashobora gusaba, mu imenyekanisha rye rya mbere, umusoro ku kiranguzo ku bicuruzwa yari afite mu bubiko ku munsiri yiyandikishirijeho.

10. Ishimwe rihabwa umuguzi wa nyuma

- Umuguzi wa nyuma ugaragarije ubuyobozi bw'imisoro inyemezabuguzi yo mu buryo bw'ikoranabuhanga ahabwa ishimwe ku musoro ku nyongeragaciro wishyuye kuri buri nyemezabuguzi.
- Iteka rya Minisitiri rigena ingano y'ishimwe n'ibisabwa mu gutanga iryo shimwe.

III. ITEGEKO N° 051/2023 RYO KU WA 05/09/2023 RIHINDURA ITEGEKO N° 027/2022 RYO KU WA 20/10/2022 RISHYIRAHO IMISORO KUMUSARURO (Umusoro ku nyungu)

1. Imenyekanishamusoro

- Umuntu ukora ibikorwa bibyara umusaruro usoreshwa ategura imenyekanisha ry'umusoro ry'umwaka akurikije uburyo bugenwa n'Ubuyobozi bw'imisoro akaryohereza riherekejwe n'ibitabo by'ibaruramari, imigereka ijyanye na byo yakozwe hakurikijwe ibisabwa n'amahame y'ibaruramari yemewe hamwe n'inyandiko yose yasabwa n'Ubuyobozi bw'imisoro, bitarenze itariki ya 31 Werurwe y'igihe cy'umusoro gikurikiyeho, uretse aho biteganyijwe ukundi muri iri tegeko.
- Umuntu ugejeje ku mubare w'ibyacurujwe mu mwaka ugenwa n'iteka rya Minisitiri, anyuza imenyekanisha ry'umusoro ry'umwaka n'ibaruramari bye ku munyamwuga wunganira abasora wemewe n'Ubuyobozi bw'imisoro.
- icyakora, usora ugejeje ku mubare w'ibyacurujwe mu mwaka uvugwa mu gika cyabanje ashobora gusaba Ubuyobozi bw'imisoro gutanga imenyekanisha n'ibaruramari bye mu buryo bw'agateganyo no kwishyura umusoro bitarenze igihe cyagenwe atabanje kunyuzwa ibaruramari ku munyamwuga wunganira abasora wemewe n'Ubuyobozi bw'imisoro. Iyo ubusabe bw'usora bwemewe, ashyikiriza Ubuyobozi bw'imisoro imenyekanisha n'ibaruramari bye byemejwe n'umunyamwuga wunganira abasora bitarenze amezi atatu uhereye igihe cy'imenyekanisha ry'agateganyo.

2. Igipimo cy'umusoro ku nyungu z'amasosiyete

- Inyungu zisoreshwa zibarwa ku mubare uburungushuye w'amafaranga y'u Rwanda 1000 kandi zikishyurwaho umusoro ku gipimo cya 28%.
- icyakora, isosiyete yiyandikishije bwa mbere ku isoko ry'imari n'imigabane ryo mu Rwanda yishyura umusoro ku bipimo bikurikira mu gihe cy'imyaka itanu uhereye igihe yiyandikishirije:
 - (a) 20% iyo iyo sosiyete igurisha kuri rubanda nibura 40% by'imigabane yayo;
 - (b) 25% iyo iyo sosiyete igurisha kuri rubanda nibura 30% by'imigabane yayo."

IV. ITEGEKO N° 050/2023 RYO KU WA 05/09/2023 RISHYIRAHO UMUSORO KU BYAGUZWE

Bimwe mu bicuruzwa n'ibipimo by'umusoro bijyanye na byo

- Izindi divayi, uretse ibikatsi by'umuzabibu bivugwa mu mutwe wa 22.04 w'urutonde rw'ibipimo by'amahoro ya gasutamo ruhuriweho n'ibihugu bigize Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba, zishyura 70% by'agaciro ka litiro katarenze 40.000 Frw
- Ibyotsi, likeri na wisiki byenzwe mu bikoresho fatizo byo mu gihugu, hatabariwemo amazi, bingana nibura na 70% by'uburemere bw'ibibigize, zishyurwa 60%
- Ibindi byotsi, likeri na wisiki 70% by'agaciro ka litiro katarenze 150.000 Frw
- Isigara n'ibisa nayo bigizwe n'itabi cyangwa ibisimbura itabi zishyurwa 160%
- Isegereti ikoresha ikoranabuhanga, zishyura 30.000 Frw kuri buri segereti
- Agacupa karimo amazi yifashishwa mu isegereti ikoresha ikoranabuhanga zishyura 24.400 Frw kuri buri gacupa
- Bombo na shikareti zishyura 322 Frw/kg
- Shokora zishyura 1.930 Frw/kg
- Umutobe w'umwimerere wishyura 5% (Umutobe w'umwimerere uvugwa ni umutobe uboneka bakamuye cyangwa bavanze imbuto, imboga cyangwa ikindi kimera cyose, hatongewemo ikinyabutabire cyangwa ikintu cyakorewe mu ruganda).

VI. ITEGEKO N° 020/2023 RYO KU WA 31/03/2023 RIGENA UBURYO BW'ISORESHA

Uburyo ibihano n'inyungu z'ubukererwe byorohejwe

Icyiciro	Ihazabu
Usora ku giti cye udakora ubucuruzi, ucuruza ufite igicuruzo kiri hejuru ya miliyoni 2.000.000frw kitarenze 20.000.000frw	50.000 Frw
Ikigo cya Leta, NGO bifite igicuruzo kiri hejuru ya 20.000.000Frw	300.000 Frw
Usora munini	500.000 Frw

Ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ihinduka / Usora utamenyekanisha kandi ntiyishyure umusoro:

Ijanisha	Igihe cy'ubukererwe
20% y'umusoro wagombaga kwishyurwa	Iyo igihe ntarengwa cyo kwishyura kirenzeho iminsi itari hejuru ya mirongo itatu (30);
40% y'umusoro wagombaga kwishyurwa	Iyo yishyuye mu gihe gitangira ku munsu wa mirongo itatu n'umwe (31) ntikirenze umunsi wa mirongo itandatu (60) uhereye ku munsu ntarengwa wo kwishyura;
60% y'umusoro wagombaga kwishyurwa	Iyo arengeje ku gihe ntarengwa cyo kwishyura iminsi irenga mirongo itandatu (60).

Ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ihinduka / Usora umenyekanishije umusoro ku gihe ariko ntawishyure mu gihe giteganijwe:

Ijanisha	Igihe cy'ubukererwe
5% y'umusoro fatizo wagombaga kwishyurwa	Iyo yishyuye mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsu ntarengwa wo kwishyura;
10% y'umusoro fatizo wagombaga kwishyurwa	Iyo yishyuye mu gihe gitangira ku munsu wa mirongo itatu n'umwe (31) kikageza ku wa mirongo itandatu (60) uhereye ku munsu ntarengwa wo kwishyura;
30% y'umusoro fatizo wagombaga kwishyurwa	Iyo yishyuye mu gihe kirenze iminsi mirongo itandatu (60) uhereye ku munsu ntarengwa wo kwishyura.
5% y'umusoro fatizo wagombaga kwishyurwa	Iyo yishyuye mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsu ntarengwa wo kwishyura;

Igihe Usora atishyuye umusoro mu gihe giteganywa n'amategeko agomba kuwishyura hiyongereyeho inyungu z'ubukererwe zibarirwa ku musoro fatizo.

Igipimo cy'inyungu kibarwa muri ubu buryo :

No	Umubare w'amezi y'ubukererwe	Igipimo (%)
1.	Munsu y'amezi 6	0.5%
2.	Hejuru y'amezi 6 ariko atarenze 12	1%
3.	Hejuru y'amezi 12	1.5%

Kicukiro - Sonatubes, Silverback Mall
P.O.Box 3987 Kigali Rwanda